**AKARERE KA KAMONYI**

**IKIZAMINI K'IKINYARWANDA CY'UMWAKA WA MBERE (S1)GISOZA IGIHEMBWE CYA KABIRI,IKICIRO RUSANGE CY'AMASHURI Y'ISUMBUYE,UMWAKA WA 2024-2025**

**IMBONERA Y'IKOSORARY'IKINYARWANDA UMWAKA WA MBERE(S1)**

**IGICE CYA MBERE:KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO AMANOTA 30**

1.Ni izihe shingano umugabo yahabwaga n'umuco wa kera?

-umugabo yari nyiri urugo

-yari umuyobozi w'umuryango akawuhagararira

-umugabo niwe washakiraga umuryango we ibyo kurya nibyo kwa mbara.

-niwe wabazwaga ibyo kubaka ,ubuhinzi n'ibyamatungo maremare.

2.Ni iyihe mirimo yari igenewe abana?

-umuhungu yatozwaga imirimo yakigabo ,nko kuragira inka ,kuzikama,gufasha se mu by'ubuhinzi n' ubwubatsi.

-umukobwa yafashaga nyina kurera abana bato kuri we ,kubuganiza no gucunda amata,gusobanura amata,akamufasha guteka ndetse no gusukura urugo.

3. Wagereranya ute ishingano umuco wakera wageneraga abagize umuryango nuko bimeze ubu?

-kera wasangaga umuco ugera buri wese ize shingano; ugasanga hazamo nikndamizwa kuri bamwe;ndetse ugasanga ugenda ugira nabo ukumira kuburenganzira bumwe na bumwe. Ariko kuri ubu abantu bibitsina byombi bahabwa amahirwe n'uburenganzira bungana kandi bakuzuzanya hakurikijwe icyo buri wese ashoboye ndetse n 'uko babyemeranije.

4. Ku bwawe wumva ute ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y' ibitsina byombi?

- Ni ihame riha uburenganzira bumwe ibitsina byombi . Bakaresha muri byose kandi bagahabwa amahirwe angana ntabusumbane bubayeho. Ni ihame kandi rihamagarira

ibitsina byombi kuzuzanya no gufashanya muri byose kugira ngo habeho mu muryango.

5.Inshingano umugore yagenerwaga n'umuco

-kubyara abana ,kubonsa no kubareara

-kubitaho akamenya isuku yabo,

- kubatoza imico myiza n'imyitwarire iboneye.

-Gutegura amafungura,agateka  akagaburira abana n' umugabo.

- Ashinzwe isuku mu rugo agakubura akamesa imyenda y'umugabo n'abana akanabasasira.

Umugore kandi yitaga kumatungo magufi.

6. Ukurikije ubuzima bwacu bwa buri munsi  twabuhuza dute n 'ibivugwa mumwandiko.

-Ubuzima bwacu bugomba guhura nibivugwa mu mwandiko.Abagize umuryango (umugabo ,umugore, abana) bagobye  kureshya no kungana  muri  byose, bakubahana ndetse  bakuzuzana batitaye kugitsina   gabo cg gore , kugiango  bateze imbere  urugo rwabo n' Igihugu   muri  rusange.

7.Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

a) kwibasira: kwitabira kugirira nabi umuntu cyangwa ikintu runaka .

b) Gusobanura amavuta: kuyatandukanya n'amata igihe bamaze gucunda.

c) Kugariza: guhangayikisha; gushaka kugirira nabi.

d) Ku ruhimbi : aho batereka amata, babika ibikoresho cyane cyane ibijyanye n'amata.

e) kwibaruka: bivuga kubyara.

8.Shaka imbusane z'aya magambo akurikira

a) abanyarwanda# abanyamahanga

b)kure# hafi

c) kera#vuba

d) isuku#umwanda

e) winjiza#usohora

9)Uzuza interuro zikurikira ukoresheje rimwe muri aya magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yatanzwe gushoramo,gusigana,ku isoko ry'umurimo,bibarutse

a) Umuntu ugiye gutangira umushinga w'ubucuruzi agomba kureba niba afite amafaranga ahagije yo **gushoramo.**

b) Umukobwa n'umuhungu bakuze bahabwa uburenganzira bumwe bakagira n'amahirwe angana

**ku isoko ry'umurimo.**

c) Umuntu wese akwiriye kurangiza inshingano akareka **gusigana**.

d) Ni byiza ko abantu bose bagerageza kwita kubo **bibarutse** babateganyiriza ibizabatunga

10. Wifashishije imbonerahamwe tanga itandukaniro riri hagati y' izina ntera n'igisantera

| Izina ntera | Igisantera |
|---|---|
| -Izina ntera ryisanisha mu nteko nyinshi.<br>-Izina ntera rivuga ubwoko, akarere, ibara cyangwa igihugu ikivugwa gikomokaho.<br>- Kigira indomo | - Giherekeza izina.<br>- Kigira uturemajambo dutandukanye bitewe n'inkomoko yacyo.<br>- Kiboneka bafashe inshinga cyangwa izina bakabihindurira ubwoko.<br>- Ntikigira indomo. |

11. Hanga interuro ngufi ukoreshemo a) Ntera : Umwana **muto,mwiza, mutomuto, mugufi ,,<u>muremure</u>....**

b)Izina rusange**;** **Abana** beza biga mu ishuri babageneye.

c) Izina ntera: karisa yaguze umwenda w'**umutuku**.

d)Abanyeshuri bacu bigana **ishati** y'umweru.

12. Shyira mu bwinshi interuro zikurikira ku buryo zikomeza kuba mbonezamvugo.

a) Amavuta y'umugabo ni amuraye ku mubiri.

**Amavuta y'abagabo ni abaraye ku mubiri.**

b)Ibuye rimeneka urwondo rugisukuma.

**Amabuye ameneka urwondo rugisukuma**.

c)Inkoni ivuna igufwa ntivura ingeso.

**Inkoni zivuna amagufwa ntizivura ingeso**.

d)Urukwavu rukuze rwonka abana.

13.Tanga intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe ku magambo yanditse mu ibara ry'umukaratsiriri.

a)Umugore yitaga k'**umwana**

. u-mu-ana u→w/-J

b) Umugore yarafite inshingano zo gutegura **amafunguro**:

a-ma-funguro ntategeko

c)Umukobwa yafashaga nyina kurera abana **bato**:

ba-to ntategeko

d)Umugore aramutse ariwe winjiza amafaranga **menshi** yakwita k'umuryango:

ma-inshi a+i=e

e) Umugore niwe wamesaga **imyenda** y'umugabo n'iy'abana

i-mi-enda i→y/-J

14. Garagaza uburyo bune (4) twabonamo indomo y' izina rusange

Indomo y' izina rusange iboneka hakoreshejwe impakanyi **nta**, indangahantu **mu** na **ku** , imbere y'izina rusange . hashobora kandi gukoreshwa ijambo ribaza **ki** ,impushabwoko **buri**

15) **IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI/amanota 30**

15.Uzurisha aya magambo mu nteruro zikurikira: ikinamico,umwandiko ntekereza,inkuru ishushanyije,umwandiko mvugoshusho./**amanota4**

a)Uwandika **umwandiko ntekerezo** ahera ku nsanganyamatsiko runaka akavuga ibyo abona yumva cyangwa atekereza ko byabaho.

b) **Umwandiko mvugo shusho** ugaragaza ikivugwa uko Kiri,ukagaragaza imiterere yacyo binyujijwe mu magambo n'imvugo ishushanyije icyo kivugwa.

c) **Inkuru ishushanyije** bene iyo nkuru ishobora kugaragaramo amashusho yivugira ataherekejwe n'amagambo kuburyo uyisoma amenya icyo iyo shusho isobanura.

d) **Ikinamico** ni ubugeni bwo gukinira Imbere y'imbaga y'abarebyi ibikorwa

byigana imibereho imico n'imyifatire y'abantu aba n'aba igamije gutanga inyigisho iyi n'iyi mu buzima.

16.a) Rondora nibura uturango tune tw'umuvugo./**amanota 4**

**Uturango tw'umuvugo ni :-inyana,imikarago,ikeshamvugo,imvugo izimije.**

b) Vuga inshingano z umuhuza mu biganiro mpaka./ **Amanota2**

**-Gusobanura insanganyamatsiko**
**-Gutanga umurongo ngenderwaho**
**-Gutanga umwanya w' amagambo kuri buri ruhande**
**-Gufasha mukumvikanisha impande zombi**
c) Erekana abantu bagira uruhare mu biganiro mpaka./**amanota3**
**-Uruhande rushyigikira insanganyamatsiko**
**-Uruhande rudashyigikira insangnyamatsiko**
**-Umuhuza/umuyobozi w' ibiganiro mpaka**
**-Indorerezi**
**-Abakemura mpaka**
17.Kosora izi nteruro wubahiriza imikoreshereze y'inyuguti nkuru n'utwatuzo./**amanota5**

a )mariya aramubwira ati ibyo uvuze bingirirweho

**Mariya aramubwira ati: Ibyo uvuze bingirirweho.**

b) kwa kamana ni hafi yumurima wa mugenzi

**Kwa Kamana ni hafi y' umurima wa Mugenzi.**

c) muhire atuye i huye hafi ya tumba

**Muhire atuye i Huye hafi ya tumba.**

18. A) Koresha ubumenyi bwa gihanga bw'ururimi maze wuzuze izi nteruro./**amanota4**

1) Amata bagikama bayita ……**ishyushyu**……………..

2) Umuheha banywesha amata witwa**……..umuceri….**

3) Ntibavuga kugura igisabo bavuga**……kugikosha**…………………………..

4) Umwami ntapfa.**aratanga.**………………………

B) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwe sakwe! / **Amanota4**

1) Akari inyuma ya Ndiza urakazi ?

**Inyana iri munda ya nyina.**

2) Mira isupu ngacira inyama !
**Igisheke**

3) Mpagaze mu mpinga mpenera ab'epfo !

**-Umubagazi**
4)Nagutera icyo utazi utabonye!
**-Ubuto bwa so na nyoko**

19.Uzuza imigani ikurikira /**amanota4**

a) Ubwenge**........burarahurwa**................

b) Umwana w'undi......**abishya inkonda.**

c) Utazi ubwenge...**ashima ubwe.**

d) Nyamwanga kumva .........**ntiyanze no kubona**.

20)Ihangamwandiko **amanota 15**

IBYIBANDWAHO MU GUKOSORA IHIMBAMWANDIKO

1. Imbata y'umwandiko: -Umutwe / **amanota** 0.5 -Intangiriro/ **amanota** 0.5 -Igihimba / **amanota** 0.5 -Umusozo / **amanota** 0.5

2. Isuku n'imigaragarire: / **amanota** 0.5+0.5= 1

Mu isuku hararebwa ko umunyeshuri atasiribanze, atandika atsindagiriza inyuguti azisubiramo.

Gusiba byihanganirwa ni kabiri byarenga agakurwaho amanita 0.5 y'isuku akayatakaza. Mu migaragarire hararebwa umwanya usigara iburyo n'ibumoso, kutandika muri marge, kudatanisha imirongo, umwanya usigara hagati y'ibika ugomba kuba ungana, aho ibika bitangirira hagomba kuba hasa ku bika byose.
3.Uburebure: / **amanota** 0.5+0.5+1

4. Imyandikire: / **amanota 2** **5.** Inozamvugo: / **amanota** 1

6. Ingingo: / **amanota** 8

Ingingo ni inota rimwe n'igisobanuro cyayo ni irindi.